# 15: Nimushim' izina ryiza

1. Nimushim' izina ryiza
ry'Uwiteka Rurema;
N'icyubahiro cye cyinshi
nimucyamamaze hose hose!
Nimuvug' urukundo rwe,
bose barwumve,
Abo ku mpera y'isi
bamenye kw akiza.

Ref: urukundo rw'Uwiteka ruratemba nk'uruzi kand'ubuntu bwe n'ibambe ntabwo
bizashir'iteka ryose

2. Nimushim' Umwami Yesu :
ni we Mwana w'Intama
Wapfiriy’ abanyabyaha,
hanyum' agahambwa mu gituro!
Maze, ku wa gatatu,
yaneshej' urupfu,
Arazuk'arazamuka,
yima mw ijuru.

3. Kand' umuns' uzaza vuba,
Yes' agaruke mw isi
Kwim' ingoma ye n'ubwami
mu cyubahiro n'ubwiza bwinshi,
Isi n'ijuru byombi
binezerwe hamwe
N'inyamaswa n'inyoni
n'ibyaremwe byose.

4. Icyo gihe cy'ibirori,
tuzarimba twishimye,
Twiteguye nk'umugeni,
uko arimba yitegur' umukwe;
Kukw Umwam' azamanuka
ngw az' adusange,T

ub' imbata ze zera
zinezerw' iteka.

Visit us at burundi.indirimbo.com